Urugero rw'umwemeramana usoma Qur'an ni nk'urugero rw'igiti cyitwa Ut'rudjat, impumuro yacyo ni nziza, n'uburyohe bwacyo ni bwiza; n'urugero rw'umwemeramana udasoma Qur'an aba ameze nk'igiti cy'itende, ntigifite impumuro nziza ariko uburyohe bwacyo ni bwiza

Hadith yaturutse kwa Abi Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Urugero rw'umwemeramana usoma Qur'an ni nk'urugero rw'igiti cyitwa Ut'rudjat, impumuro yacyo ni nziza, n'uburyohe bwacyo ni bwiza; n'urugero rw'umwemeramana udasoma Qur'an aba ameze nk'igiti cy'itende, ntigifite impumuro nziza ariko uburyohe bwacyo ni bwiza. N'urugero rw'umuntu w'indyarya usoma Qur'an ni nk'urugero rw'igiti cya Ray'hanat, gifite impumuro nziza ariko kirarura, n'urugero rw'umuntu w'indyarya udasoma Qur'an ni nk'urugero rw'igiti cyitwa Han'dhwalat, nta mpumuro nziza kigira ndetse n'uburyohe bwacyo burarura."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ibyiciro by'abantu basoma Qur'an n'uburyo ibagirira umumaro: Icyiciro cya mbere: Ni umwemeramana usoma Qur'an ndetse ikanamugirira umumaro, aba ameze nk'imbuto z'igiti cyitwa Ut'rudjat, zirahumura ndetse zikagira n'uburyohe kandi zifite n'ibara ryiza, ndetse zifite n'akandi kamaro kenshi; kuko we ashyira mu bikorwa ibyo asoma, kandi akagirira umumaro abagaragu ba Allah. Icya kabiri: Umwemeramana udasoma Qur'an ameze nk'igiti cy'itende, kiryohera ariko kikaba nta mpumuro kigira, ni umwemeramana umutima we wuzuye ukwemera nk'uko igiti cy'itende imbuto zacyo zazuye uburyohe. Kuba kitagira impumuro abantu bihumuriza, ni ukubera ko abantu batajya bamwumvaho igisomo gituma bagira ituze. Icya gatatu: Ni umuntu w'indyarya usoma Qur'ani ameze nk'igiti cya Ray'hanat gihumura ariko kirura, kubera ko nawe umutima we ntiwagiriwe akamaro n'ukwemera, ndetse ntiyanashyira mu bikorwa Qur'an, nyamara akagaragara mu maso y'abantu ko ari umwemera; impumuro y'icyo giti nziza, imeze nk'igisomo cy'uyu muntu, ariko kurura kwacyo bimeze nk'ubu buhakanyi bwe. Icya kane: Ni umuntu w'idyarya utajya asoma Qur'an, uwo ameze nk'igiti cyitwa Han'dhwalat, kuko cyo nta mpumuro kigira, ndetse nta n'uburyohe bwiza kigira. Kutagira impumuro kwacyo ni nko kutagira impumuro kw'iyi ndyarya kubera ko idasoma Qur'an, , no kurura kw'icyo giti bisanishwa no kurura kw'ubuhakanyi we, mu mutima wayo nta kwemera kurimo, n'uburyo agaragara nta mumaro ahubwo abangamiye abandi.